# 13: Uwambitswe ker' ikamba

1. Uwambitswe ker' ikamba Ritatse mu mahwa None yambitsw' iry'ubwami Kuko yanesheje.

2. None yicaye mw ijuru, Ategeka byose, Ari we Mwami w'abami N'umucy' udashira.

3. Ni we munezero wacu N'uw'abo mw ijuru : Yatwerets’ urukundo rwe, Ubwo yabambwaga.

4. Yes' umusaraba wawe, Nubw' ar' uw'isoni, Uvamw ubuntu kubwacu N'ibyishimo byinshi.

5. Tubabarana na Yesu, Tukir' aha mw isi. Maze, ni tujya mw ijuru, TuzImana na We.

6. Mukiza, ku musaraba,waradupfiriye:twabishwe n'ibicumuro,tubeshwaho na wo.

Visit us at indirimbo.com